# ITANGAZO

## RRA yatanze ishimwe kuri TVA rya miliyari 1.3 Frw ku baguzi basabye fagitire za EBM

**KIGALI - RWANDA: Ku wa 23 Gashyantare 2026:** Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) cyatanze ishimwe rishingiye ku musoro ku nyongeragaciro (TVA) ringana na 1,327,986,092 Frw, ku baguzi ba nyuma 157,029. Iri shimwe rihwanye na 10% bya TVA bishyuye kuri fagitire za EBM basabye mu mezi ya Ukwakira, Ugushyingo na Ukuboza 2025.

Abahawe iri shimwe barimo abaguzi 157,020 kuri fagitire basabye mu gihembwe cya nyuma cy'umwaka ushize, hakiyongeraho 9 bahawe 7,091,931 Frw z'ishimwe kuri fagitire basabye mu gihembwe cy'amezi ya Nyakanga, Kanama na Nzeri 2025, nyuma y'igenzura riteganywa n'itegeko kuko ishimwe ryabo rirengeje 500,000 Frw.

Ishimwe ryatanzwe ni ryo riri hejuru ritangiwe rimwe kuva iyi gahunda yatangira. Amafaranga yose amaze gutangwa yahise arenga miliyari 3,7 Frw, ku baguzi ba nyuma 370,147.

Komiseri wungirije ushinzwe Serivisi z'abasora n'Itumanaho, Uwitonze Jean Paulin, yagize ati "Kuva twatangira iyi gahunda, abayitabiriye bakomeje kubona inyungu zifatika. Uretse iri shimwe, iyi gahunda ifite uruhare rukomeye mu kwiyubakira igihugu no kwimakaza iyubahirizwa ry'inshingano zo gusora. Nk'abaguzi 157,029 bahawe ishimwe uyu munsi bagize uruhare mu gukusanya miliyari zisaga 13 Frw, ukaba ari umusanzu wagiye mu guteza imbere igihugu cyacu."

"Ishimwe rikaba ritangwa kuri fagitire zijyanye n'igihembwe gitahiwe, kandi umucuruzi akaba yaramenyekanishije akanishyura TVA bijyanye. Ishimwe rirenze 500,000 Frw ryo ribanza gukorerwa isuzuma mbere yo gutangwa. Turashishikariza buri wese kwiyandikisha kandi agasaba fagitire ya EBM buri gihe uko ahashye. Abacuruzi nabo barasabwa gutanga fagitire za EBM nk'uko bisabwa, kuko kutabikora ari ukunyuranya n'amategeko kandi bihanirwa."

Kuva iyi gahunda y'Ishimwe kuri TVA yatangira, abaguzi ba nyuma basaga 700,000 bamaze kwiyandikisha. RRA irashimira abakomeje kwitabira iyi gahunda, kandi bamaze kugira umuco wo gusaba fagitire za EBM no gutanga amakuru igihe hari abarenze ku itegeko.

### Ibijyanye n'Ishimwe kuri TVA

Gahunda y'Ishimwe kuri TVA yatangiye muri Werurwe 2024, igamije gushishikariza abaguzi kurushaho gusaba fagitire za EBM, bagahabwa 10% by'umusoro ku nyongeragaciro ugaragara kuri fagitire bahawe.

Umuguzi kandi ahabwa Ishimwe ry'inyongera rya 50% by'ibihano bicibwa umucuruzi, mu gihe yanze kumuha fagitire ya EBM cyangwa akamuha idahwanye n'ibyo yahashye, maze akabimenyesha ubuyobozi bw'imisoro.

Ibi byose bigamije kwimakaza gukorera mu mucyo no kurushaho kugira uruhare mu kwiyubakira igihugu.

---

***Ku bindi bisobanuro, mwavugisha Asiimwe R. Bosco uyobora agashami k'itumanaho kuri 0788641674, cyangwa kuri email AsiimweBosco.Rwabukumba@rra.gov.rw.***